MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P.1044-KIGALI

File - Info - Division - Projects 3/11
18/9/98
13/9/98

Kigali, le 14/9/1998
N° 1312/21.09

Ku Bayobozi bose b'Imirimo (Département) n'ab'Imishinga muri MIJESCAFOP

- Madamu/Bwana Muyobozi w'Imirimo
- Bwana Muyobozi w'Umushinga

**Impamvu**:
Kwibutsa inshingano z'akazi

Mpereye ku mabwiriza y'akazi natanze mw'Itangazo ryo ku wa 13 Ugushyingo 1997 , nshingiye kandi no kwibaruwa n° 1347/21.00 yo ku wa 28 Ugushyingo 1997 Nyakubahwa Minisitiri wa MIJESCAFOP yandikiye Abayobozi bose b'Imirimo n'ab'Imishinga, izo nyandiko zikaba zirebana no kwubahiriza amasaha y'akazi, Ntewe impungenge n'imyifatire idahwitse ikomeje kuranga abakozi bamwe ba Minisiteri.

Ni yo mpamvu nongeye kubibutsa bwanyuma ko igihe kigeze cyo gukora ibishoboka byose kugira ngo harandurwe burundu uwo muco mubi w'ubudohoke ku kazi no kutubahiriza amategeko agenga abakozi ba leta:

1. Umukozi wese ukomeje kugaragaza ubushake buke mu kwubahiriza amasaha y'akazi no gutunganya imirimo ashinzwe, agomba kubihanirwa nk'uko biteganywa n'amategeko, ndetse akaba yanasezererwa mu gihe cy'« Ubusubiracyaha ».

2. Abayobozi b'Imirimo ni bo bafite inshingano zo gukurikirana abakozi babo no gushyira mu bikorwa ibihano biteganijwe, hakurikijwe amakosa yakozwe.

3. Nk'uko mubizi kandi mwabisabwe inshuro nyinshi, Abayobozi b'Imirimo bagomba kuba intanga rugero muri byose kugira ngo bashobore gushishikariza abakozi bayobora gusohoza inshingano zabo.

4. Ikindi kibazo giteye isoni n'agahinda ni umwanda wuzuye muri za« corridors na escaliers », ndetse no mu biro bimwe bikorerwamo. Nta Muyobozi wari ukwiye kwihanganira gusohokera cyangwa kwinjirira ahantu hadakuburwa na rimwe! Nk'uko nabihanangirije mu nama mperutse kugirana n'abakozi bose taliki ya 27 Kanama ntihazagire uwongera kwitwaza y'uko nta ba «Plantons» bahari, hanyuma usange ibiro byarahindutse « nk' ibiraro by'amatungo »

Ni yo mpamvu musabwe gukurikirana no kwita kw'isuku y'aho mukorera.

**Umwanzuro**: Iyi baruwa ni Integuza y'Ibyemezo bizafatirwa buri Muyobozi uzaba yateshutse ku nshingano ze, cyane cyane izimaze kuvugwa haruguru.

Imirimo myiza

Umunyamabanga Mukuru muri
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo,
Umoco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

**Mariko KABANDANA**

KABANDANA Marc
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

**Bimenyeshejwe**:
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse